Visit http://www.thinkbig.rw/online-courses/

**Ikinyarwanda**

**PK**

**18/07/2023 1:30 PM – 3:30 PM**

NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

**Inomero yuzuye y'umunyeshuri**

| *Intara/ Umujyi* | *Akarere* | *Umurenge* | *Ishuri* | *ikiciro* | *Umunyeshuri* | *Umwaka* |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | |

**Amazina y'umunyeshuri:**

**Izina ryawe bwite:**...............................................

**Andi mazina yawe:**...............................................

Ikitonderwa:
INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE **BIGOMBA** KWANDIKWA NK'UKO BIGARAGARA KU IFISHI Y'UMUNYESHURI.

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI ABANZA 2022-2023

# IKINYARWANDA

**Igihe kimara: Amasaha abiri (2h00)**

**Amanota:** **/100**

**Amabwiriza:**

1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2) Ikizamini kigizwe n'**ibibazo makumyabiri na bitanu (25)**. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibibazo byose byuzuye.
3) Ikizamini kigizwe n'ibice bine:

- **Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko** **(amanota 30)**
- **Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo** **(amanota 25)**
- **Igice cya gatatu: Ubumenyi rusange bw'ururimi** **(amanota 30)**
- **Igice cya kane: Ihangamwandiko** **(amanota 15)**

4) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5) Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
6) Birabujijwe kugaragaza umwirondoro wawe ahatabugenewe.
7) Ukurikize amabwiriza ari kuri buri kibazo.
8) Koresha gusa ikaramu y'**ubururu** cyangwa iy'**umukara**.

Visit http://www.thinkbig.rw/online-courses/

## TWIGIRE MURI PARIKI Y'IGIHUGU Y'AKAGERA

Niba ushaka kwishimisha ukaruhuka imirimo umazemo iminsi, ngwino nkwijyanire gusura Pariki y'Akagera. Turafata umuhanda ugana i Kayonza, nituhagera dukate tugana i Nyagatare n'i Kagitumba ku mupaka. Nitugera ku cyapa k'imbogo i Gabiro turakata iburyo, mu minota mike turaba dutangiye pariki nyirizina.

Nk'uko aya mazina abitubwira, pariki yacu iherereye mu burasirazuba bw'u Rwanda bushyira amajyaruguru. Izina Akagera irikomora ku ruzi rw'Akagera ruhuza igihugu cyacu na Tanzaniya. Iyi pariki yashinzwe mu 1934 hagamijwe guha inyamaswa icyanya cyo kubamo zituje zidatinya kwicwa na ba rushimusi cyangwa abandi.

Ni yo pariki yonyine ushobora kubonamo icyarimwe imirambi n'utununga byamezeho ubwatsi n'ibiti bigufi, ibishanga, ibiyaga n'igice k'ishyamba ritoshye. Ibiyaga birimo Ihema n'ibindi biyaga bito byinshi bikikijwe n'urufunzo rurerure byorohereza inyamaswa kubona amazi yo kunywa.

Yewe, inyamaswa zo zirahari ngo ngwino urebe! Maze agatsinda zose zirashishe kandi zifite umubiri ukeye wagira ngo hari uzuhagira akazisiga! Si gusa ndumva ari Imana izisiga ikazinogereza! Ubwiza bwazo bwararahiriwe, burenga imisozi busingira ibihugu, bureshya ba mukerarugendo bayoboka iy'Akagera.

Mu z'amajanja higanje intare rwabwiga ari yo mwami nyiri ishyamba, ingwe ari yo rwara idatana n'urusamagwe rwagowe ngo rwaba ruhora ruyihetse irushinga inzara ngo rwihute, imbwebwe, imondo, isega, impyisi mahuma, umukara, inkobe, urutoni n'izindi.

Izuza zo ntiwazibara. Si ngaya amashyo y'imbogo rwarikamavubi zihora zizunguza umutwe zijunditse umujinya! Aya si amasasu, izi si inyemera, inimba n'itamu, inkoronko, isatura zahiriwe no kuryiruka nk'izarigabanye ari na ho zakuye akabyiniriro ka burugumesitiri! Izi ni impara n'imparage. Itegereze n'izi twiga ari zo bise musumbashyamba kuko zikurunguruka zigusuhuriza mu bushorishori bw'ibiti. Izindi nyamaswa zikunda kuziba hafi kuko ngo zishobora kubona mbere icyago kije, zaba zihunze n'izindi nyamaswa zikamenya ko zatewe zigashyira bugeri. Ngizi imvubu zirirwa zireremba mu biyaga bihorana ituze, inzovu rwabunga zahawe intebe ku nkombe y'ikiyaga k'Ihema. Na cyo tugisure maze zidusanganize ubwuzu n'urugwiro nk'aho zisanzwe zitubona muri iri shyamba ry'iminyinya n'iminyonza.

Mu biguruka, reba imisambi ihora yashokoje isunzu, kagoma, inkona n'inkongoro bihora birwanira intumbi z'inyamaswa, mukoma, inkware n'inkurakura, inyange n'ibigagari, iswikiri n'ishwima n'izindi nyinshi cyane.

Kuba wahisuriye ukahashima, uzareshye n'abandi bazahasanga byinshi bishimishije: imirambi myiza udaheza ijisho n'utununga twamezeho umukenke inyamaswa zirisha n'amataba ateze adatemba kandi atagira uko asa atakurambira kuyagenda. Iyi migenge n'iminyinya bifatanye urunana, birasa n'ibitwereka ko gucudika atari ibya muntu gusa, ahubwo ko n'ibimera bishobora kutubera urugero mu mibanire yacu. Imikoma, imyiha n'imikenke n'ibindi biti by'inganzamarumbo bidutegereje biteze yombi bisa n'ibitubwira ngo: "Turakaza neza turisanga." Wanganya iki iri zuba rimurika ibigarama, imisozi n'ibibaya twitegeye aho duhagaze kuri Hoteri Akagera, wanganya iki aya mahumbezi azanwa n'akayaga kaduhuha kadusuhuza katureshya ngo tutagenda tutahicaye ngo turuhuke!

Pariki y'Akagera ifite umwanya ukomeye cyane mu byiza bitatse igihugu cyacu ikaba n'umutungo kamere w'agaciro kanini cyane. Nimuharanire kuyisura, muzavayo mwishimye.

**IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)**

1) Andika uturere tubiri (2) two mu Ntara y'Iburasirazuba tuvugwa muri uyu mwandiko. **(amanota 2)**

Kayonza na Nyagatare

2) Dukurikije uyu mwandiko, Pariki y'Akagera: **(amanota 3)**

(a) Ingana iki? Ni nini cyane

(b) Yashinzwe ryari? Mu 1934

(c) Yashinzwe na nde? Na Leta y'u Rwanda

3) Inyamaswa zo muri iyi pariki zikundira iki twiga? **(amanota 2)**

Kuko ariyo ituma zimenya ko zatewe zigahunga

4) Pariki bisobanura iki? **(amanota 3)**

Ni icyanya kinini kiri ishyamba gikoraniyemo inyamaswa z'amoko menshi

5) Garagaza ibintu bitatu (3) by'umwihariko w'iyi Pariki y'Akagera. **(amanota 3)**

- Niyo pariki yonyine ushobora gusangamo icyarimwe ibirambi n'utununga
- ibiyaga, ibishanga n'ibibaya

6) Andika ibimera bine (4) biboneka muri iyi pariki. **(amanota 4)**

Iminyinya, ubwatsi, urufunzo n'imigenge

7) Andika inyamaswa imwe kuri buri bwoko (iz'amajanja, izuza n'ibiguruka) mu ziboneka muri Pariki y'Akagera. **(amanota 3)**

Iz'amajanja -> Intare
Izuza -> Imbogo
ibiguruka -> inkongoro

8) Iyi pariki ifitiye Igihugu cy'u Rwanda akahe kamaro? **(amanota 2)**

- Ikurura ba mukerarugendo
- Itanga umwuka mwiza duhumeka

9) Simbuza ………………amagambo akurikira ari mu mwandiko: ***rwabwiga, rwara, rwarikamavubi, mahuma.*** **(amanota 4)**

(a) Kagubari yahuye n'impyisi mahuma ayikubita inkoni.
(b) Muri Pariki y'Akagera dusangamo intare rwabwiga ikaba umwami w'ishyamba.
(c) Ingwe bayita rwara ikaba ihorana n'urusamagwe.
(d) Imbogo rwarikamavubi na yo tuyisanga muri Pariki y'Akagera.

10) Huza amagambo dusanga mu mwandiko n'ibisobanuro byayo: **(amanota 4)**

(a) utununga — (i) kurakara
(b) gushyira bugeri — (ii) amafu
(c) kujundika umujinya — (iii) kwiruka uhunga
(d) amahumbezi — (iv) udusozi tugufi

(a) …………………………………………
(b) …………………………………………
(c) …………………………………………
(d) …………………………………………

**IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)**

11) Vuga umumaro w'amagambo atsindagiye mu nteruro zikurikira **(amanota 3)**

(a) Mama yaguze **imyenda**.

Imyenda => icyuzuzo

(b) Umwarimu **arakosora** impapuro.

arakosora -> inshinga

(c) **Gatete** akunda umupira w'amaguru.

Gatete => Ruhamwa

12) Vuga ubwoko bw'amagambo atsindagiye mu nteruro zikurikira: **(amanota 3)**

(a) Nk'uko **aya** mazina abitwereka, Pariki y'Akagera yegeranye n'uruzi rw'Akagera.

aya -> ikinyazina nyereka

(b) Imvubu zihora zireremba **mu** biyaga byuje ituze.

mu -> indangahantu

(c) Izindi nyamaswa zijya kubona icyago twiga zabimenye **kare**.

kare -> ingera y'igihe

13) Tanga ingero z'amagambo ashobora gukoreshwamo amategeko y'igenamajwi akurikira unagaragaze uturemajambo twayo. **(amanota 6)**

(a) i→ y/-J imyeyo -> i-mi+eyo

(b) r→ d/n- Indabo -> i-n+rabo

(c) n→ m/-b imbeba -> i-n+beba

14) Sobanura uko utwatuzo dukurikira dukoreshwa, unadukoreshe mu nteruro ngufi wihimbiye. **(amanota 4)**

(a) agatangaro (!)

(b) akabago (.)

(a) Aagatangaro gakoreshwa ku nteruro itangara
- Mbega umwana mwiza!

(b) gakoreshwa ku nteruro ihamya (yemeza)
Yagiye i Kigali.

15) Shyira inshinga zo mu nteruro zikurikira mu ndango yemeza cyangwa ihakana.

**(amanota 3)**

(a) Turaza vuba aha.

Ntituza vuba.

(b) Ndaryama ndiye.

Sindyama ntariye

(c) Nimudakora ntimuzatera imbere.

~~Nidakora~~ ~~tuta~~ ~~Niduk~~ Nimukora muzatera imbere

16) Hindura interuro zikurikira mu ngiro nkora cyangwa ingiro ntega.

**(amanota 4)**

(a) Biriya biti byatewe n'abaturage mu muganda.

Mu muganda abaturage bateye biriya biti

(b) Imbwa yapfuye irahambwa ntijugunywa mu mazi.

Ntijugunywa mu mazi irahambwa imbwa yapfuye

(c) Abana b'abahungu n'ab'abakobwa bagomba gutera ibiti.

Ibiti bigomba guterwa n'abana b'abahungu n'ab'abakobwa

17) Inshinga zo muri izi nteruro zitondaguye mu kihe gihe? **(amanota 2)**

(a) Tuzakora ikizamini muri Nyakanga.

Tuzakora : mu nzagihe

(b) Abanyeshuri biga Ikinyarwanda buri munsi.

biga → Indagihe

**IGICE CYA GATATU : UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI** **(amanota 30)**

18) Andika uturango dutatu (3) tw'umugani muremure. **(amanota 3)**

- Kera habayeho
- Amakabyankuru
- Sijye wahera hahera umugani

19) Tahura amagambo atanu (5) y'Ikinyarwanda mu kinyatuzu gikurikira :

**(amanota 5)**

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| K | U | I | I | S | H | U | R | I |
| U | R | S | N | U | M | U | C | O |
| M | U | A | K | G | I | T | O | K |
| U | R | M | I | I | I | N | K | A |
| B | I | B | N | R | A | R | A | R |
| U | M | U | G | A | N | D | A | A |
| K | I | B | I | R | O | R | I | N |
| W | M | W | A | M | B | A | A | D |
| E | I | U | B | U | D | E | H | E |
| U | R | U | K | U | N | D | O | O |

urukundo, isambu, umuganda, sugira ubudehe

........................................................................................................

20) Huza amasano y'umuryango akurikira n'ibisobanuro byayo. **(amanota 4)**

| | |
|---|---|
| (a) masenge | (i) umwana wa marume |
| (b) marume | (ii) abana ba musaza wange |
| (c) mubyara wange | (iii) musaza wa mama |
| (d) abisengeneza | (iv) mushiki wa data |

(a) ........................................................................

(b) ........................................................................

(c) ........................................................................

(d) ........................................................................

21) Ica ibisakuzo bikurikira: **(amanota 5)**

(a) Hakurya mu gihuku!

Ikizu kitabamo abantu

(b) Nagutera icyo utazi utabonye!

Ubuto bwaso na nyoko

(c) Ugiye mu rutoki abanza iki?

ikivugovugo

(d) Mbe muganga aho wicariye nturuha akabuno?

......................................................................

(e) Nkubise urushyi rurumira!

Ibara ry'inka

22) Koresha ijambo "**kuvura**" mu nteruro ebyiri zidahuje ibisobanuro. **(amanota 2)**

- Muganga yamvuye indwara
- Itungo ryanjye ryamvuye ubukene

23) Uzuza imigani y'imigenurano ikurikira: **(amanota 5)**

(a) Uwavuga ayinzuki ntibwaribwa.

(b) Igiti kimwe ntikigera inzu

(c) Ntawujya mu ishyamba abure inkoni aca.

(d) Ubuze ay'iburyo akama ay'ibomoso.

(e) Ubwenge bw'umwe bwifasha gusara

24) Kosora amakosa y'imyandikire ari mu nteruro zikurikira: **(amanota 6)**

(a) Nuva kw'ishuri ujye kuhira za ngemwe zibiti twateye ejo bundi.

Nuva ku ishuri uje kuhira za ngemwe z'ibiti twateye ejobundi

(b) Naraye mvuye i muhira ni mugoroba.

Naraye mvuye i muhira nimugoroba

......................................................................

**IGICE CYA KANE : IHANGAMWANDIKO** **(amanota 15)**

Andika inkuru mu buryo bw'ikinyamakuru muri uyu mwanya wagenwe, ugendeye ku miterere yayo. Ubare inkuru y'ibintu wahagazeho wowe ubwawe cyangwa wabwiwe n'undi muntu, wumva wageza ku bandi. **(amanota 15)**

UBWO TWASURAGA URUTARE RWA KAMEGERI

Hari mu gihe cy'impeshyi, mu kwezi kwa Nyakanga ubwo izuba ryari ricanye cyane.

Urutare rwa Kamegeri ruboneka mu karere ka Ruhango uturutse mu mugi wa ni ibirometero kimwe n'igice.

Uru rutare twarusuye nyuma yo kubona amanota meza nkuko papa yari yarabidusezeranyishe.

Twagiye n'imodoka ubwo twaturukaga Muhanga. Twageze ku rutare rwa Kamegeri saa sita zuzuye.

Tukihagera batugani-rije ku mateka y'urwo rutare. Batubwira ko Kameger yari umugaragu i bwami. Nyuma umuturage akora ikosa ryo kubeshya umwami.

Umwami yaje kubaza Kamegeri igihano akwiriye; aza

kumusabira igihano ............ Nyuma yo gusoba-
cyo gucanira urutare ............ hunirwa amateka
bakarumushyiraho. ............ twaratashye, ubundi
............ turijya muri hoteli
Umwami yumvishije ............ yitwa Edeni place
ubunemere bw'icyo ............ (Eden palace)
gihakano, asaba ko ............ aho twariye tukanywa
bagiha kameperi ............ ubundi tukisubirira
biragira ariwe ............ mu rugo.
uruhwitseho

**IHEREZO**